# 173: Imana ni yo mwungeri

1. Imana ni yo mwungeri Undagiz' urukundo; Niringiye yuko ntazakena, Kuko nd' intama ya Yesu.

2. Andyamisha mu cyanya cye Cy'ubwatsi bwiza cyane,Anjyan' i ruhande rw' imigezi, Itemba nez' idasuma.

3. Ansubizamw intege nshya, Zinkomez' umutima,Anyobor' inzir' igororotse Kubwa rya zina rye ryera.

4. Nubwo naca mu gikombe Cy'umwijima w'urupfu, Sinagir' ikibi ntinya cyose, Kuko turi kumw' iteka.

5. Kand' ujy'undindish' inkoni Yawe n'inshyimbo, Mana, Nukw ibyo bizampumuririza No mu gicucu cy'urupfu.

6. Untunganiriz' ameza Mu maso y'abanyanga, Unsize n'amavuta mu mutwe, Ump' igikombe cyuzuye.

7. N'ukur' imbabazi zawe Zizanyomahw iteka;Nanjye nzaba mu nzu y'Uwiteka Ibihe byose, nishima.

Visit us at indirimbo.com